Republic of Rwanda
Southern Province
Huye District

**Doc Number:** HUYE/VM/AFSO/26166/2026
**Date:** 22-5-2026 08:03:58

# ITANGAZO RYO KUMENYESHA URUBYIRUKO RWACIKIRIJE AMASHURI YISUMBUYE

## INSHAMAKE YA GAHUNDA IGAMIJE GUFASHA URUBYIRUKO RWACIKIRIJE AMASHURI YISUMBUYE KUBONA IMPAMYABUMENYI Y'IKICIRO CYA KABIRI CY'AMASHURI YISUMBUYE (RESILIENCE IN SECONDARY EDUCATION: RISE Rwanda)

Iyi gahunda igamije gufasha urubyiruko rwacikirije amashuri yisumbuye kubona impamyabumenyi y'ikiciro cya kabiri cy'amashuri yisumbuye (RISE Rwanda) ni gahunda ya Minisiteri y'Uburezi igamije guha amahirwe ya kabiri urubyiruko (rufite hagati y'imyaka 18-35), rwacikirije amashuri yisumbuye, aho bashobora kwiga mu gihe kiri hagati y'amezi atandatu n' umwaka umwe bakabona impamyabumenyi yo ku rwego rw'amashuri yisumbuye (A2 Equivalent Certificate).

Iyi porogaramu izashyirwa mu bikorwa ku bufatanye hagati ya Minisiteri y'Uburezi, Mastercard Foundation, Carnegie Mellon University (CMU), UNICEF Rwanda, Imbuto Foundation, CRS, YWCA na DOT Rwanda.

Mu Karere ka Huye iyi porogaramu izashyirwa mu bikorwa k'ubufatanye na Catholic Relief Services (CRS) na Diyoseze Gatolika ya Butare.

Ni muri urwo rwego tuboneyeho kumenyesha urubyiruko rufite hagati y'imyaka 18 na 35 y' amavuko rwarangije ikiciro rusange, ariko ntirubashe kurangiza ikiciro cya kabiri cy'amashuri yisumbuye kwiyandikisha muri gahunda ya "Resilience in Secondary Education (RISE) Rwanda" igamije gufasha urubyiruko kurangiza amashuri yisumbuye hakoreshejwe uburyo bw' ikoranabuhanga mu kwiga.

**AMASOMO ATEGANYIJWE KWIGWA ARI MU BYICIRO BIBIRI BIKURIKIRA**

(1) **Amasomo yibanda kuri siyansi (Ubugenge:Physics, Ubutabire:Chemistry, Ibinyabuzima: Biology)**, Imibare, Icyongereza, kwihangira umurimo n'isomo ry'umwuga n'ubumenyingiro.

(2) **Amasomo yibanda k'ubumenyamuntu (Ubumenyi bw'isi:Geography, Ubukungu:Economics, Amateka:History)**, Imibare, Icyongereza, kwihangira umurimo n'isomo ry'umwuga n' ubumenyingiro.

## UBURYO BWO KWIYANDIKISHA

Kwiyandikisha bikorwa hakoreshejwe ikoranabuhanga ( Apply: RISE Learner | RISE Rwanda | RISE Platform).

**Urubyiruko rwiyandikisha muri porogaramu ya RISE Rwanda rugomba kuba rwujuje ibi bikurikira:**

1. Kuba yararangije icyiciro cya mbere cy'amashuri yisumbuye (Ordinal level(S3)
2. Kuba afite hagati y' imyaka 18 na 35 y'amavuko


CamScanner

3. Kuba yaravuye mu ishuri ageze mu mwaka wa kane, uwa gatanu cyangwa uwa gatandatu w' amashuri yisumbuye akaba amaze **imyaka itatu acikirije amashuri**
4. Utarabashije gutsinda ikizamini cya Leta gisoza amashuri yisumbuye nawe yemerewe kwiyandikisha ariko akaba amaze imyaka itatu ahagaritse kwiga.

Ukeneye ibindi bisobanuro yabibona:
-Ku mugenzuzi w'uburezi mu murenge,
-Umuhuzabikorwa w'urubyiruko ku rwego rw'Akarere cyangwa rw'Umurenge
-Umuhuzabikorwa wa porogaramu ku rwego rw'Akarere ka Huye:NTAWUHIGIMANA Jeannette : 0788430394
-Program Manager Huye & Gisagara : NDAGIJIMANA Marcel: 0783184097
-Cyangwa agahamagara ku murongo utishyurwa wa **8007**

Turamenyesha kandi **urubyiruko rufite impamyabumenyi y'ikiciro cya kabiri cya Kaminuza** mu kwigisha amasomo ya siyansi, ubumenyamuntu cyangwa Icyongereza ko na bo bakwihutira kwiyandikisha bakoresheje ikoranabuhanga (Apply: Learning Facilitator | RISE Rwanda | RISE Platform) **bitarenze tariki ya 31 Gicurasi 2026**kugira ngo babashe kuzatoranywa nk' abakorerabushake mu gufasha urubyiruko kwiga aya masomo.

Mugire Amahoro.

**Signature**

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| Director of Education Unit | pmuhire | (Drafter) | 2026-05-21 13:02:01.0 | |
| Vice - Mayor in charge Social Development | KANKESHA Annonciatte | (Approver) | 2026-05-22 08:03:58.0 | |


CamScanner